

## **Imyanzuro Y'inama Nkuru Y'urugaga Rw'abagore Rushamikiye Ku Muryango Fpr-Inkotanyi Yo Ku Wa 10 Ugushyingo 2019**

None ku cyumweru tariki ya 10 Ugushyingo 2019, mu cyumba cy'inama “Intare Conference Arena” Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali habereye Inama Nkuru y'Urugaga rw'Abagore rushamikiye ku Muryango FPR-INKOTANYI iyobowe n'Umuyobozi Mukuru warwo Madamu MUKANTABANA Maria.

Insanganyamatsiko y'iyi nama Nkuru yagiraga iti: « **BAGORE, DUHARANIRE KUBAKA UMURYANGO USHOBOYE KANDI UTEKANYE** ».

Iyi nama yatumiwemo abanyamuryango bagera ku 2000, bari mu byiciro binyuranye, harimo: Madamu Jeannette Kagame, Madamu wa Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, abayobozi b'abanyamuryango b'inzego z'Umuryango n'iza Leta, Urubyiruko, Abikorera n'abayobozi mu miryango itari iya Leta, Abagore b'abanyamuryango bava mu byiciro byihariye.

Abitabiriye bakaba bangana n'abanyamuryango 1542 hashingiwe kubiyanditse ku rutonde rw'ubwitabire (bashobora guhinduka habaye hari utariyandika).

Ingingo zari kuri gahunda y'inama Nkuru y'Urugaga ni izi zikurikira:

1. Ikiganiro : **“Umuryango Ushoboye kandi Utekanye”**,
2. Ikiganiro: **“Uko ababyeyi bahuza neza inshingano z'urugo, z'ububyeyi n'ubuyobozi/akazi mu rugendo rw'iterambere”**(Triple roles)
3. Raporo y'ibikorwa byagezweho n'Urugaga rw'Abagore rushamikiye ku Muryango FPR-INKOTANYI muri manda y'imyaka ine kuva 2015-2019 na Gahunda y'ibikorwa 2019-2021

4. Amatora y’abagize inzego Komite y’Urugaga rw’Abagore rushamikiye ku Muryango FPR-INKOTANYI ku rwego rw’Igihugu.

Iyi nama yafunguwe ku mugaragararo na Nyakubahwa Komiseri Musoni Protais, wari uhagarariye Umunyamabanga Mukuru wa RPF INKOTANYI. Mu ijambo rye, yagarutse ku ruhare abagore b’abanyamuryango ba RPF INKOTANYI bagomba kugira mu gukora ubukangurambaga bwimbitse kuri Politiki n’amategeko by’imiyoborere myiza iranga Igihugu cyacu.

Mu mpanuro yatanze, yabwiye abitabiriye inama ko buri wese afite inshingano zo kurwanya uwo ariwe wese washaka kutuvutsa umutekano mu rugamba rwacu rw’Iterambere, guharanira kuzuzanya neza inshingano, kwihuta mu byo dukora no gukomera ku ndangagaciro ziranga umunyarwanda. Ibi tukabikora twirinda ruswa, gutonesha, n’imibanire mibi byadusubiza inyuma.

Twebwe abagize Inama Nkuru y’Urugaga rw’Abagore rushamikiye ku Muryango FPR-INKOTANYI, tumaze kungurana ibitekerezo ku ngingo zigize gahunda y’inama,

1. Twemeje Raporo y’ibikorwa by’urugaga muri manda yo kuva 2015-2019 na Gahunda y’ibikorwa by’imyaka ibiri kuva 2019 – 2021
2. Twatoye kandi twifurije imirimo myiza abagize Komite y’urugaga rw’Abagore rushamikiye ku Muryango FPR-INKOTANYI mu rwego rw’Igihugu ku buryo bukurikira:
  - ✓ **AKIMPAYE Christine**, Perezida
  - ✓ **IZABIRIZA Mediatrice**, Visi Prezida
  - ✓ **MURUMUNAWABO Cecile**, Umunyamabanga
  - ✓ **KABEGA Emiliene**, Umuyobozi wa Komisiyo y’Imiyoborere myiza
  - ✓ **NYIRAMANA Peruth**, Umuyobozi wa Komisiyo y’Imibereho Myiza
  - ✓ **MUBILIGI Jeanne Françoise**, Umuyobozi wa Komisiyo y’Ubukungu
  - ✓ **MBABAZI Confort**, Umuyobozi wa Komisiyo y’Ubutabera.

3. Twishimiye kandi twemeje kuzashyira mu bikorwa impanuro twahawe na Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME, Madamu wa Perezida wa Repubulika y’U Rwanda, akaba n’Umunyamuryango wa RPF/Inkotanyi . Muri izo mpanuro harimo:

- Gukomeza umuco w’ibiganiro mu muryango no gusuzuma impinduka bitanga
- Kuba ba Nyampinga basesengura bakabona ibibazo bitabonwa na bose bakanabishakira umuti, no gukomeza kuba imboni y’umuryango turebesha ijisho ry’umugore nka *Mutima w’urugo* akaba na *Mutima w’umuryango* tuzirikana ko akazi buri wese akora ari ake, umusaruro ukaba uw’Igihugu.
- Gukomeza kuzirikana ko tuzabazwa icyo twamariye abandi bityo tugashyira umutima mu guharanira impinduka no gutekereza buri gihe icyatuma twihuta mu iterambere.
- Kugira ishyaka ryo gufata ingamba zidasanzwe no kuzishyira mu bikorwa twirinda kurebera kuko nta rwego ruto ruhari rwabuza umugore kugira uruhare rukwiye mu bibazo Igihugu gifite muri iki gihe.
- Gukomeza guhugura ba Nyampinga kugira indangagaciro na kirazira by’umuco nyarwanda, kugira ishyaka mu maraso ryo gukorera Igihugu n’Umuryango FPR/INKOTANYI, kwimenya, kwiubaha , kwigira, kwigirira icyizere .
- Gutoza abana bacu ireme ry’uburinganire n’ubwuzuzanye, no kwigisha basaza bacu gahunda ya “HE FOR SHE” kugirango badufashe gusakaza imyumvire myiza.
- Guha abato igisobanuro cyiza cy’Umuryango nyarwanda kugirango abawugize bawubahe kandi bawurinde ba rushenyi.

Muri iyi nama Nkuru y’Urugaga kandi hafatiwe imyanzuro ikurikira:

- 1) Kubyaza umusaruro amahirwe Igihugu cyadushyiriyeho (mu mategeko, ikoranabuhanga, ubukungu, uburezi...), kugirango dukomeze urugamba rwo guharanira iterambere ry'Igihugu duharanira umuryango ushoboye kandi utekanye;
- 2) Ku bufatanye n'izindi nzego (iza Leta, abikorera, imiryango itari iya Leta (CSOs), amadini n'amatorero) kurandura inzitizi zose zidindiza abagize umuryango no kuzamura imyumvire y'abagore n'abagabo ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye, dusobanura neza politike n'andi mategeko by'uburinganire mu rwego rwo kugirango twubake umuryango ushoboye kandi utekanye;
- 3) Guhuza neza inshingano z'urugo, iz'ububyeyi n'iz'ubuyobozi kugirango zuzuzanye, zitabangamiranye mu rwego rwo kubaka umuryango ushoboye kandi utekanye, wubahiriza gahunda n'igihe byatuma haboneka umwanya wo guhura no kuganira kw'abagize umuryango byubaka umutekano mu muryango by'umwihariko no mu Gihugu muri rusange;
- 4) Gukomeza no kongera imbaraga mu rugamba rwo kwamagana abahungu n'abagabo bangiza abana, ababireberera n'ababihishira kugira ngo bahanwe mu buryo bukwiye;
- 5) Gushishikariza abana b'abakobwa n'abagore kwiga Ubumenyi (Sciences) n'Ikoranabuhanga ( Technology) kugirango babashe gupiganwa ku isoko ry'umurimo;
- 6) Gukomeza ubuvugizi bwo kunoza ingamba na gahunda byatuma umugore yoroherezwa imvune aterwa n'imirimo yo mu rugo kugirango abone umwanya wo kwitabira ibikorwa by'iterambere;
- 7) Kurushaho kuba ***Bandebereho*** mu budashyikirwa mu bikorwa by'iterambere no kuba intangarugero mu kwirinda ruswa, itonesha n'imibanire mibi dutunga agatoki aho bigaragaye hose ku rubyiruko rwacu kugirango nabo babe umusemburo w'iterambere;

- 8) Gufatanya n'izindi nzego kurwanya byimazeyo ibiyobyabwenge n'ibisindisha mu bantu b'ingeri zose;
- 9) Gukomeza ibiganiro bifite insanganyamatsiko: *“Uko ababyeyi bahuza neza inshingano z'urugo, iz'ububyeyi n'ubuyobozi cg akazi mu rugendo rw'iterambere”*, no kubigeza kuri buri muturarwanda.
- 10) Kurera abana neza turerera u Rwanda, hagamijwe ko abadukomokaho bazarukorera bakanarwitangira.

**« BAGORE, DUHARANIRE KUBAKA UMURYANGO USHOBOYE KANDI UTEKANYE ».**

Bikorewe i Kigali ku wa 10 Ugushyingo 2019.